# 290: Ijambo ryaw' urimfungurire

1. Ijambo ryaw' urimfungurire , Nkuko wahagije bya bihumbi, Yes' ubasaturiy' umutsima, Nonub' umpaze nanjy' undengere.

2. Ni Wowe mutsima w'ubugingo; Nkizwa n'ijambo ryawe ry'ukuri. Rimber' ifunguro ry'umutima, Nkunde n'ukuri kwaw’ unyeretse.

3. Yes' ump' Umwuka waw' andengere, Ankore no ku maso, mpumuke. Mbon' ibihishwe by'ijambo ryawe, Nawe, nkubonemo, Mucunguzi !

4. Icyo gitab' ukimpishurire, Kinshinj' ibyaha byanjye, nkwizere, Niho nabaturwa, nkabohorwa,Ni hw amahoro yawe yanzaho !

Visit us at indirimbo.com